DIYOSEZI YA NYUNDO YAHAWE UMUSHUMBA MUSHYA

Kuri uyu wa gatanu tariki 11/03/2016, Umushumushumba wa Kiliziya Gatolika yahaye Diyosezi ya Nyundo Umushumba mushya ari we Anaclet MWUMVANEZA. Aje asimbuye Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE usoje ikivi cye cyo kuyobora iyi Diyosezi.

Aha murabona Abepiskopi bose bo mu Rwanda n'Intumwa ya Papa mu Rwanda iri hagati y'umwepiskopi watowe n'usoje ikivi cye

Uyu mushumba mushya wa Diyosezi ya Nyundo yavutse ku ya 04/12/1956, avukira i Murambi, muri Paruwasi ya Rulindo, iyo paruwasi ubu ni imwe muri paruwasi za Arkidiyosezi ya Kigali. Amashuri abanza yayize i Rulindo (1963-1969), ayarangije akomeza ajya mu Iseminari Nto ya Kabgayi (1969-1973). Nyuma amaze kugira imyaka 25 yaje gusubira mu Iseminari Nto i Kabgayi mu cyiciro cy'abigaga bakuze (Séminaire des Aînés). Nyuma y'imyaka ine yatangiye Iseminari Nkuru i Rutongo (1984-1985), ahavuye yakomereje mu cyiciro cya Filozofiya (1985-1987), akomereza muri Tewolojiya (1987-1991) mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda.

Yahawe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti tariki 25/07/1991. Ubutumwa bwe yabutangiriye muri Paruwasi ya Kabuye (1991-1992), nyuma ashyirwa muri Paruwasi y'Umuryango Mutagatifu (1992-2000), ahavuye yagiye gukomeza amasomo i Roma (2000-2004), ahavana impamyabumenyi y'ikirenga mu bijyanye n'Amategeko ya Kiliziya (Droit Canon). Arangije amasomo i Roma yakoreje ubutumwa muri Paruwasi ya Kicukiro (2004-2005), aza kuba umuyobozi wa CARITAS ya Arkidiyosezi ya Kigali (2005-20013) ; ubu akaba yari umunyamabanga mukuru wa Caritas Rwanda ndetse akaba n'umwarimu mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda.

Umwepiskopi mushya wa Diyosezi ya Nyundo yatangaje ko azaza kuba muri Diyosezi yahawe kuyobora tariki 25/04/2016 akazahabwa Inkoni y'Ubushumba tariki 21/05/2016 ; yatangaje kandi ko Intego ye ari : MISERICORDES SICUT PATER.